

Umwaka wa 49 n° idasanzwe  
05 Gashyantare 2010



Year 49 n° special  
05 February 2010

49<sup>ème</sup> Année n° spécial  
05 février 2010

|   |   |  |
|---|---|--|
| <b>Igazeti ya Leta ya<br/>Repubulika y'u<br/>Rwanda</b> | <b>Official Gazette<br/>of the Republic<br/>of Rwanda</b> | <b>Journal Officiel<br/>de la République<br/>du Rwanda</b> |
|---|---|--|

Ibirimo/Summary/Sommaire

Page/Urup.

**Itegeko/Law/Loi**

**N° 01/2010 ryo kuwa 29/01/2010**

Itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco 3

**N° 01/2010 of 29/01/2010**

Law determining the mission, organisation and functioning of the Rwanda Academy of Language and Culture.....3

**N° 01/2010 du 29/01/2010**

Loi portant mission, organisation et fonctionnement de l'Académie Rwandaise de Langue et de Culture.....3

ITEGEKO N°01/2010 RYO KUWA LAW N°01/2010 OF 29/01/2010 LOI N° 01/2010 DU 29/01/2010 PORTANT  
29/01/2010 RIGENA INSHINGANO, DETERMINING THE MISSION, MISSION, ORGANISATION ET  
IMITERERE N'IMIKORERE BY'INTEKO ORGANISATION AND FUNCTIONING OF FONCTIONNEMENT DE L'ACADEMIE  
NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO THE RWANDA ACADEMY OF RWANDAISE DE LANGUE ET DE  
LANGUAGE AND CULTURE CULTURE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE:** INGINGO  
RUSANGE

**CHAPTER ONE:** GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER:** DISPOSITIONS  
GENERALES

**Ingingo ya mbere:** icyo iri tegeko rigamije

**Article One:** Purpose of this Law

**Article premier:** Objet de la présente loi

**Ingingo ya 2 :** Ibisobanuro by'amagambo

**Article 2:** Definition of terms

**Article 2 :** Définitions des termes

**Ingingo ya 3:** Ubuzimagatozi

**Article 3:** Legal personality

**Article 3 :** Personnalité juridique

**Ingingo ya 4:** icyicaro n'urwego rureberera  
Inteko

**Article 4:** Head office and supervising  
authority of the Academy

**Article 4 :** Siège et organe de tutelle de  
l'Académie

**UMUTWE WA II:** INSHINGANO  
N'UBUBASHA

**CHAPTER II:** MISSION AND POWERS

**CHAPITRE II :** MISSION ET  
COMPETENCE

**Ingingo ya 5:** Inshingano z'Inteko

**Article 5:** Mission of the Academy

**Article 5:** Mission de l'Académie

**UMUTWE WA III:** IMITERERE  
N'IMIKORERE BY'INTEKO

**CHAPTER III:** ORGANISATION AND  
FUNCTIONING OF THE ACADEMY

**CHAPITRE III:** ORGANISATION ET  
FONCTIONNEMENT DE L'ACADEMIE

**Icyiciro cya mbere:** Inzego z'Inteko

**Section One:** Organs of the Academy

**Section première :** Organes de l'Académie

|   |  |   |
|---|--|---|
| <b><u>Ingingo ya 6:</u> Inzego</b>  | <b><u>Article 6:</u> Organs</b>  | <b><u>Article 6 :</u> Organes</b>   |
| <b><u>Akicro ka mbere:</u> Inama Rusange</b>  | <b><u>Sub section One:</u> General Assembly</b>  | <b><u>Sous-section première :</u> Assemblée Générale</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 7:</u> Urwego rw'ikirenga rw'Inteko n'abarugize</b>  | <b><u>Article 7:</u> Supreme organ of the Academy and its members</b>                                | <b><u>Article 7 :</u> Organe suprême de l'Académie et ses membres</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano z'Inama Rusange</b>  | <b><u>Article 8:</u> Responsibilities of the General Assembly</b>                                    | <b><u>Article 8 :</u> Attributions de l'Assemblée générale</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 9:</u> Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama Rusange z'Inteko</b>                              | <b><u>Article 9:</u> Convening and holding the General Assembly of the Academy</b>                   | <b><u>Article 9 :</u> Convocation et tenue des réunions de l'Assemblée générale</b>                               |
| <b><u>Ingingo ya 10:</u> Ifatwa ry'ibyemezo</b>   | <b><u>Article 10:</u> Mode of taking decisions</b>   | <b><u>Article 10 :</u> Prise de décisions</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 11:</u> Itumirwa mu nama z'Inama Rusange y'Inteko ry'undi muntu ushobora kuyungura inama</b> | <b><u>Article 11:</u> Invitation of any other resourceful person in the Academy General Assembly</b> | <b><u>Article 11 :</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions de l'Assemblée générale de l'Académie</b> |
| <b><u>Ingingo ya 12:</u> Inyandiko y'ibyemezo by'inama z'Inama Rusange y'Inteko n'imenyekanishwa ryabyo</b>   | <b><u>Article 12:</u> Resolutions of the General Assembly of the Academy and their notification</b>  | <b><u>Article 12:</u> Résolutions de l'Assemblée Générale de l'Académie et leur notification</b>                  |
| <b><u>Ingingo ya 13 :</u> Inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange y'Inteko</b>                                 | <b><u>Article 13:</u> Minutes of the Academy General Assembly</b>                                    | <b><u>Article 13:</u> Procès-verbal de la réunion de l'Assemblée Générale de l'Académie</b>                       |
| <b><u>Ingingo ya 14:</u> Ibigenerwa Intiti z'Inteko ziri mu mirimo y'Inteko</b>                               | <b><u>Article 14:</u> Sitting allowances for the academicians</b>                                    | <b><u>Article 14:</u> Jetons de présence alloués aux Académiciens</b>   |
| <b><u>Akicro ka 2:</u> Biro y'Inteko</b>  | <b><u>Sub section 2:</u> Bureau of the Academy</b>   | <b><u>Sous-section 2 :</u> Bureau de l'Académie</b>   |
| <b><u>Ingingo ya 15:</u> Abagize Biro y'Inteko</b>  | <b><u>Article 15:</u> Members of the Bureau of the</b>   | <b><u>Article 15 :</u> Membres du Bureau de</b>   |

|   | Academy   | l'Académie  |
|---|---|---|
| <b><u>Ingingo ya 16</u> : Inama za Biro y'Inteko</b>  | <b><u>Article 16</u>: Meetings of the Bureau of the Academy</b>   | <b><u>Article 16</u> : Réunions du Bureau de l'Académie</b>                                   |
| <b><u>Ingingo ya 17</u>: Inshingano za Biro y'Inteko</b>  | <b><u>Article 17</u> : Responsibilities of the Bureau of the Academy</b>                                | <b><u>Article 17</u> : Attributions du Bureau de l'Académie</b>                               |
| <b><u>Ingingo ya 18</u>: Inshingano z'Intebe y'Inteko</b>   | <b><u>Article 18</u>: Responsibilities of the Chairperson of the Academy</b>                            | <b><u>Article 18</u> : Attributions du Président de l'Académie</b>                            |
| <b><u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano z'umwungiriza w'Intebe y'Inteko ushinzwe umuco</b>            | <b><u>Article 19</u>: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Academy in charge of culture</b>  | <b><u>Article 19</u> : Attributions du Vice-Président de l'Académie chargé de la culture</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 20</u>: Inshingano z'Umwungiriza w'Intebe y'Inteko ushinzwe ururimi</b>          | <b><u>Article 20</u>: Responsibilities of the Vice Chairperson of the Academy in charge of language</b> | <b><u>Article 20</u> : Attributions du Vice-président de l'Académie chargé de la langue</b>   |
| <b><u>Akiciro ka 3</u>: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</b>   | <b><u>Sub section 3</u>: Executive Secretariat</b>  | <b><u>Sous section 3</u>: Secrétariat Exécutif</b>  |
| <b><u>Ingingo ya 21</u> : Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, inshingano n'imikorere yabwo</b> | <b><u>Article 21</u>: Composition, responsibilities and functioning of the Executive Secretariat</b>    | <b><u>Article 21</u>: Composition, attributions et fonctionnement du Secrétariat Exécutif</b> |
| <b><u>Ingingo ya 22</u>: Ishyirwaho n'ikurwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inteko</b>      | <b><u>Article 22</u>: Appointment and dismissal of the Executive Secretary of the Academy</b>           | <b><u>Article 22</u> : Nomination et révocation du Secrétaire Exécutif de l'Académie</b>      |
| <b><u>Ingingo ya 23</u>: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa</b>                           | <b><u>Article 23</u>: Responsibilities of the Executive Secretary</b>                                   | <b><u>Article 23</u> : Attributions du Secrétaire Exécutif</b>                                |

|   |   |  |
|---|---|--|
| <b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Abagize Inteko  | <b><u>Section 2:</u></b> Members of the Academy   | <b><u>Section 2 :</u></b> Membres de l'Académie  |
| <b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Abagize Inteko na manda yabo                                   | <b><u>Article 24:</u></b> Members of the Academy and their term of office                           | <b><u>Article 24 :</u></b> Membres de l'Académie et leur mandat                                |
| <b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Ishyirwaho ry'abagize Inteko                                   | <b><u>Article 25:</u></b> Appointment of members of the Academy                                     | <b><u>Article 25:</u></b> Nomination des membres de l'Académie                                 |
| <b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Ibisabwa kugira ngo umuntu ashwirwe mu Nteko                   | <b><u>Article 26:</u></b> Conditions for being a member of the Academy                              | <b><u>Article 26 :</u></b> Conditions requises pour être membre de l'Académie                  |
| <b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Indahiro   | <b><u>Article 27:</u></b> Oath  | <b><u>Article 27 :</u></b> Serment   |
| <b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Ibibujijwe ku Ntiti z'Inteko n'ibigo bafitemo imigabane        | <b><u>Article 28:</u></b> Restrictions to Academicians and companies in which they are shareholders | <b><u>Article 28:</u></b> Interdiction aux Académiciens et aux sociétés dont ils sont associés |
| <b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Irangira ry'umurimo w'intiti y'Inteko                          | <b><u>Article 29:</u></b> Cessation of the duty of Academician                                      | <b><u>Article 29:</u></b> Cessation de la fonction   |
| <b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> UMUTUNGO W'INTEKO   | <b><u>CHAPTER IV:</u></b> PROPERTY OF THE ACADEMY   | <b><u>CHAPITRE V:</u></b> PATRIMOINE DE L'ACADEMIE   |
| <b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Inkomoko y'Umutungo w'Inteko                                   | <b><u>Article 30:</u></b> Source of property of the Academy   | <b><u>Article 30:</u></b> Sources du patrimoine de l'Académie                                  |
| <b><u>Ingingo ya 31:</u></b> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo w'Inteko | <b><u>Article 31:</u></b> Use, management and audit of the property of the Academy                  | <b><u>Article 31:</u></b> Utilisation, gestion et audit du patrimoine de l'Académie            |
| <b><u>Ingingo ya 32:</u></b> Iyemezwa n'icungwa ry'ingingo y'imari y'Inteko                 | <b><u>Article 32:</u></b> Adoption and management of the Budget of the Academy                      | <b><u>Article 32 :</u></b> Adoption et gestion du budget de l'Académie                         |

**UMUTWE WA V:  
Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**INGINGO CHAPTER V: TRANSITIONAL AND  
FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS  
TRANSITOIRES ET FINALES**

**Ingingo ya 33: Itegurwa, isuzumwa Article 33: Drafting, consideration and adoption of this Law**  
n'iyemezwa by'iri tegeko

**Article 33: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Ingingo ya 34: Ivanwaho ry'ingingo Article 34: Repealing provision**  
z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

**Article 34 : Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 35: Igihe iri tegeko ritangira Article 35: Commencement**  
gukurikizwa

**Article 35: Entrée en vigueur**

|   |   |   |
|---|---|---|
| <b>ITEGEKO N°01/2010 RYO KUWA<br/>29/01/2010 RIGENA INSHINGANO,<br/>IMITERERE N'IMIKORERE BY'INTEKO<br/>NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO</b> | <b>LAW N°01/2010 OF<br/>DETERMINING THE MISSION,<br/>ORGANISATION AND FUNCTIONING OF<br/>THE RWANDA ACADEMY OF<br/>LANGUAGE AND CULTURE</b> | <b>29/01/2010<br/>MISSION,<br/>ORGANISATION ET<br/>FONCTIONNEMENT DE L'ACADEMIE<br/>RWANDAISE DE LANGUE ET DE<br/>CULTURE</b> |
|---|---|---|

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

|  |   |  |
|--|---|--|
| <b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO<br/>YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,<br/>DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA<br/>KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA<br/>MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA<br/>Y'U RWANDA</b> | <b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND<br/>WE SANCTION, PROMULGATE THE<br/>FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE<br/>PUBLISHED IN THE OFFICIAL<br/>GAZETTE OF THE REPUBLIC OF<br/>RWANDA</b> | <b>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS<br/>SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA<br/>LOI DONT LA TENEUR SUIT ET<br/>ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE<br/>AU JOURNAL OFFICIEL DE LA<br/>REPUBLIQUE DU RWANDA</b> |
|--|---|--|

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa  
27 Mata 2009;

The Chamber of Deputies, in its session of 27 April  
2009;

La Chambre des Députés, en sa séance du 27  
avril 2009;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 6  
Mata 2009;

The Senate, in its session of 6 April 2009;

Le Sénat, en sa séance du 6 avril 2009 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika  
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko  
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu  
ngingo zaryo: iya 5, iya 50, iya 51, iya 62, iya  
66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93,  
iya 95, iya 108, iya 113, iya 118 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,  
especially in Articles 5, 50, 51, 62, 66, 67, 88,  
89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118 and 201;

Vu la Constitution de la République du  
Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce  
jour, spécialement en ses articles 5, 50, 51, 62,  
66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 113, 118 et  
201;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO**  
**RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS**  
**GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article premier: Objet de la présente loi**

Iri tegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, yitwa « Inteko » mu ngingo zikurikira.

This Law determines the mission, organisation and functioning of the Rwanda Academy of Language and Culture hereinafter referred to as the 'Academy'.

La présente loi détermine la mission, l'organisation et le fonctionnement de l'Académie Rwandaise de Langue et de Culture ci-après dénommée « Académie ».

**Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definition of terms**

**Article 2 : Définitions des termes**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa muri ubu buryo:

In this Law, the following terms shall be defined as follows:

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **inteko** : urwego rw'Igihugu rushinzwe ubusugire bw'iterambere ry'ururimi n'umuco;

1° **academy**: a national institution in charge of development of sovereignty of language and culture;

1° **académie** : institution nationale chargée de la souveraineté de la langue et de la culture;

2° **intiti** : umuntu w'impuguke mu byerekeye ururimi n'umuco nyarwanda;

2° **academician**: an expert in matters relating to Rwandan language and culture;

2° **académicien** : expert dans le domaine de la langue et de la culture rwandaise;

3° **intebe y'inteko**: umuyobozi w'inteko;

3° **chairperson**: a head of the academy;

3° **président** : personne qui est à la tête de l'académie;

4° **impuguke**: umuntu ufite ubuhanga bwihariye mu rurimi n'umuco nyarwanda;

4° **expert**: a person who has a particular knowledge in Rwandan language and culture;

4° **expert**: personne ayant des connaissances spécifiques dans la langue et la culture rwandaises;

5° **ubuhanzi**: ubushobozi bwo guhimba ikintu gifite agaciro mu byerekeye ururimi n'umuco;

5° **art**: ability to create an innovative work in matters relating to language and culture;

5° **création artistique** : capacité de créer un objet de valeur dans le domaine de la langue et de la culture;



*Official Gazette n° special of 05/02/2010*

- 6° **ndangamuco:** ikintu cyose umuco ushingiyeho cyangwa cyerekana ibiwugize;
- 6° **cultural:** quality of any object serving as a basis for a culture or its components;
- 6° **culturel:** qualificatif de tout objet servant de base de la culture ou à manifester ses composants;
- 7° **umuco:** isangano ry'ibimenyetso byihariye biranga umuryango runaka w'abantu bikagaragarira mu mitekerereze, imikorere, imyifatire mu bumenyi no mu mvugo by'imbaga igize uwo muryango;
- 7° **culture:** a set of patterns peculiar to a certain society of human beings expressed through their thinking, deeds or actions, behaviour in the know-how and speech that are specific to that society;
- 7° **culture :** ensemble des signes caractéristiques d'une société d'êtres humains qui se manifestent dans les pensées, les agissements ou les actions, le comportement, le savoir faire et le parler spécifiques à l'ensemble de cette société;
- 8° **mbonezamuco:** ikintu cyose gituma amahame shingiro y'umuco yubahirizwa;
- 8° **cultural vehicle:** anything allowing to ensure respect for fundamental cultural values;
- 8° **véhicule culturel:** toute chose permettant le respect des valeurs culturelles fondamentales ;
- 9° **ubupfura:** imyifatire, imigenzereze n'imitakerereze biboneye biranga umuntu;
- 9° **probity:** behaviour, habits and customs and beliefs characteristic of a person;
- 9° **probité :** comportement approprié d'une personne observant scrupuleusement les us, coutumes et les croyances;
- 10° **ubugeni:** ubushobozi bushingiye mu kugaragariza neza igitekerezo mu ishusho;
- 10° **artistic creation:** ability to create an innovative work that seeks to express an idea in an aesthetical manner;
- 10° **art :** capacité de créer un objet de valeur basé sur l'expression d'une pensée sous forme esthétique;
- 11° **ubuvanganzo:** ubuhanzi bushingiye mu gushyira neza ibitekerezo mu nyandiko cyangwa mu mvugo;
- 11° **literature:** creation based on ideas and thoughts expressed either in oral or written form ;
- 11° **littérature :** création basée sur des pensées bien ordonnées sous la forme écrite ou orale ;
- 12° **impano:** ingabire karemano;
- 12° **talent:** innate gift;
- 12° **talent :** don inné;
- 13° **inararibonye:** umuntu ufite ubumenyi bushingiye ku burambe.
- 13° **experienced person:** a person who possesses knowledge based on experience.
- 13° **personne expérimentée:** personne ayant des connaissances acquises par l'expérience.

**Ingingo ya 3: Ubuzimagatozi**

Inteko ifite ubuzimagatozi n'ubwisanzure mu micungire y'umutungo n'abakozi.

Igihe izamara ntikigenwe.

**Ingingo ya 4: Icyicaro n'urwego rureberera Inteko**

Icyicaro cy'Inteko kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Inteko ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Inteko irebererwa na Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA**

**Ingingo ya 5: Inshingano z'Inteko**

Inteko ifite inshingano nkuru yo kubahiriza ibivugwa mu ngingo ya 50 n'ya 51 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa

**Article 3: Legal personality**

The Academy has a legal personality and administrative and financial autonomy.

It shall last for an indeterminate period.

**Article 4: Head office and supervising authority of the Academy**

The head office of the Academy is established in Kigali City, the Capital city of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

The Academy may have branches elsewhere in the country if deemed necessary in order to accomplish its mission upon approval by an Order of the Prime Minister.

The Academy is supervised by the Ministry in charge of culture.

**CHAPTER II: MISSION AND POWERS**

**Article 5: Mission of the Academy**

The main mission of the Academy is to ensure implementation of provisions of Articles 50 and 51 of the Constitution of the Republic of

14°

**Article 3 : Personnalité juridique**

L'Académie est dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative.

Elle est créée pour une durée indéterminée.

**Article 4 : Siège et organe de tutelle de l'Académie**

Le siège de l'Académie est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

L'Académie peut, en cas de nécessité, avoir des branches en tout autre lieu du territoire national en vue de la réalisation de sa mission sur approbation de l'Arrêté du Premier Ministre.

L'Académie est placée sous tutelle du Ministère ayant la culture dans ses attributions.

**CHAPITRE II : MISSION ET COMPETENCE**

**Article 5 : Mission de l'Académie**

L'Académie a pour attributions principale d'assurer l'application des dispositions des articles 50 et 51 de la Constitution de la

*Official Gazette n° special of 05/02/2010*

|  |  |   |
|--|--|---|
| 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.  | Rwanda of 4 June 2003 as amended to date.  | République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour.  |
| Ifite kandi inshingano zihariye z'ingenzi zikurikira:  | It has also the following specific responsibilities :  | Elle a également les attributions spécifiques suivantes :   |
| 1° kurengera no guteza imbere ururimi n'umuco ;  | 1° to safeguard and promote language and culture;  | 1° sauvegarder et promouvoir la langue et la culture ;  |
| 2° gusesengura ururimi n'umuco by'u Rwanda mu ngingo zabyo zose;   | 2° to analyse Rwandan language and culture in all their forms;   | 2° analyser la langue et la culture rwandaises dans toutes leurs formes ;   |
| 3° gushima ibikorwa by'ikirenga mu rwego rw'ururimi n'umuco;   | 3° to commend excellent works in the domain of language and culture;   | 3° mettre en valeur les œuvres excellentes dans le domaine de la langue et de la culture ;  |
| 4° gutanga inama ibisabwe cyangwa ibyibwirije mu byerekeye ururimi n'umuco;  | 4° to advise, upon request or on own initiative, on matters relating to language and culture;  | 4° donner des conseils en matière de langue et de culture sur demande ou de sa propre initiative;   |
| 5° gufata ibyemezo mu byerekeye ururimi n'umuco;   | 5° to take decisions in matters relating to language and culture;  | 5° prendre des décisions en matière de langue et de culture ;   |
| 6° kugaragaza imiterere y'ururimi rw'Ikinyarwanda, kuboneza no kurengera ubusugire bwarwo mu mvugo, mu myandikire no mu yindi mikoreshereze itandukanye; | 6° to identify the structure of the Rwandan language, ensure and promote its integrity in its oral and writing aspects and other various usages; | 6° identifier la structure du kinyarwanda, assurer et sauvegarder son intégrité notamment à l'oral, à l'écrit et dans d'autres formes d'usage ; |
| 7° gukungahaza Ikinyarwanda ku buryo gikoreshwa mu bumenyi bw'ingeri zose;   | 7° to enrich the Rwandan language for its use in all areas of knowledge;   | 7° enrichir le Kinyarwanda en vue de son usage dans tous les domaines de connaissance ;   |
| 8° kwemeza imikoreshereze ikwiye y'Ikinyarwanda mu nzego zose;   | 8° to approve the appropriate use of Rwandan language at all levels;   | 8° approuver l'usage approprié du Kinyarwanda à tous les échelons ;   |
| 9° kurinda ko izindi ndimishami z'Ikinyarwanda zikoreshwa mu gihugu zazimira;  | 9° to prevent the disappearance of other dialects of the Rwandan language used in the country;   | 9° prévenir la disparition d'autres dialectes du kinyarwanda en usage au pays ;   |
| 10° guhesha agaciro Ikinyarwanda mu ruhando  | 10° to ensure the value of the Rwandan language  | 10° assurer la valorisation du Kinyarwanda  |

*Official Gazette n° special of 05/02/2010*

|   |   |   |
|---|---|---|
| rw'izindi ndimi zikoreshwa mu Gihugu;   | in competition with other languages used in the country;  | dans le concert d'autres langues en usage au pays ;   |
| 11° guteza imbere Ikinyarwanda mu Rwanda no mu mahanga;   | 11° to promote the use of Kinyarwanda in Rwanda and abroad;   | 11° promouvoir l'usage du Kinyarwanda au Rwanda et à l'étranger ;   |
| 12° kugira uruhare mu ishyirwaho rya politiki y'imikoreshereze y'indimi zikoreshwa mu Gihugu no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;           | 12° to participate in designing the policy of the use of the languages used in the country and to ensure their implementation;              | 12° contribuer à la mise en place d'une politique en matière d'usage des langues utilisées au pays et faire le suivi de sa mise en œuvre ;  |
| 13° kwemeza amahame shingiro y'umuco w'u Rwanda nk'isoko n'inkingi by'amajyambere aramba;   | 13° to approve fundamental principles of the Rwandan culture as a source and pillar of sustainable development;                             | 13° approuver les principes fondamentaux de la culture rwandaise en tant que source et pilier du développement durable ;  |
| 14° kwemeza indangagaciro z'umuco nyawanda no kugaragaza uruhare rwazo mu bumenyi rusange;  | 14° to approve Rwandan cultural standards and values and show their role in general knowledge;  | 14° approuver les normes et valeurs de la culture rwandaise et identifier leur rôle dans la connaissance générale ;   |
| 15° guharanira ko umuco w'u Rwanda uhorana agaciro ukwiye mu burezi n'uburere by'umuryango nyarwanda muri rusange n'iby'urubyiruko by'umwihariko; | 15° to ensure that the Rwandan culture maintains its true value in education of the Rwandan society in general and the youth in particular; | 15° veiller à ce que la culture rwandaise maintienne sa véritable valeur dans l'enseignement et l'éducation de la société rwandaise en général et de la jeunesse en particulier ; |
| 16° kurengera ubusugire bw'umuco w'u Rwanda mu ruhando rw'imico y'ahandi;   | 16° to ensure the integrity of the Rwandan culture in comparison with other foreign cultures;   | 16° sauvegarder l'intégrité de la culture rwandaise dans le concert des cultures étrangères ;   |
| 17° kugena indangagaciro zerekeye ubushakashatsi mu nzego zose z'ubugeni n'ubuhanzi;  | 17° to determine the standards relating to research in all art and artistic creation levels;  | 17° déterminer les normes en matière de recherche dans tous les domaines de l'art et de la création artistique;   |
| 18° guteza imbere by'umwihariko inganda ndangamuco;   | 18° to promote cultural industry in particular;   | 18° promouvoir de façon particulière l'industrie culturelle;  |
| 19° kugena uburyo buboneye bwo kubika ibimenyetso by'umurage n'umuco;   | 19° to determine appropriate methods of storing heritage and cultural symbols;  | 19° déterminer les méthodes appropriées de conservation des symboles d'héritage et de la culture;   |

|   |  |   |
|---|--|---|
| 20° kugena uburyo buboneye bwo kurengera ubuhanzi n'ubuvanganzo;                                      | 20° to determine appropriate mechanisms to protect art and literature;                                     | 20° déterminer des mécanismes efficaces de protection de la création artistique et la littérature;                  |
| 21° gukorana n'izindi nzego bihuje inshingano zo mu Gihugu, mu rwego rw'Akarere cyangwa Mpuzamahanga. | 21° to collaborate with other local, regional or international institutions with similar responsibilities. | 21° collaborer avec d'autres institutions locales, régionales ou internationales ayant des attributions similaires. |

**UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BY'INTEKO**

**CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE ACADEMY**

**CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'ACADEMIE**

**Icyiciro cya mbere: Inzego z'Inteko**

**Section One: Organs of the Academy**

**Section première : Organes de l'Académie**

**Ingingo ya 6: Inzego**

**Article 6: Organs**

**Article 6 : Organes**

Inteko igizwe n'inzego zikurikira:

The Academy is composed of the following organs:

L'Académie est dotée des organes suivants :

- 1° Inama Rusange y'Inteko;
- 2° Biro y'Inteko;
- 3° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

- 1° the General Assembly of the Academy;
- 2° the Bureau of the Academy;
- 3° the Executive Secretariat.

- 1° l'Assemblée Générale de l'Académie ;
- 2° le Bureau de l'Académie
- 3° le Secrétariat Exécutif.

**Akiciro ka mbere: Inama Rusange**

**Sub section One: General Assembly**

**Sous-section première : Assemblée Générale**

**Ingingo ya 7: Urwego rw'ikirenga rw'Inteko n'abarugize**

**Article 7: Supreme organ of the Academy and its members**

**Article 7: Organe suprême de l'Académie et ses membres**

Inama Rusange y'Inteko ni rwo rwego rw'ikirenga mu miyoborere y'Inteko. Igizwe n'Intiti zose z'Inteko.

The General Assembly is the supreme organ of the Academy. It is made up of all academicians of the Academy.

L'Assemblée Générale de l'Académie est l'organe suprême de l'Académie. Elle est composée de tous les académiciens de l'Académie.

| <b><u>Ingingo ya 8: Inshingano z'Inama Rusange</u></b>   | <b><u>Article 8: Responsibilities of the General Assembly</u></b>  | <b><u>Article 8: Attributions de l'Assemblée générale</u></b>  |
|--|--|--|
| Inama Rusange y'Inteko ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:  | The General Assembly of the Academy shall have the following main responsibilities:                                    | Les principales attributions de l'Assemblée Générale de l'Académie sont les suivantes :  |
| 1° gusuzuma no kwemeza ibikorwa byose byafasha Inteko kugera ku nshingano zayo ;                                     | 1° to consider and approve all activities that may facilitate the Academy in achieving its mission;                    | 1° analyser et approuver toutes les activités susceptibles de permettre à l'Académie de réaliser sa mission;                       |
| 2° kwemeza umushinga w'amategeko ngenyamikorere y'Inteko;  | 2° to adopt the draft internal rules and regulations of the Academy;   | 2° adopter le projet de règlement d'ordre intérieur de l'Académie ;  |
| 3° gusuzuma no kwemeza igenamigambi rya buri mwaka n'iteganyabikorwa by'Inteko;                                      | 3° to consider and approve the annual plan of action and strategic plan of the Academy;                                | 3° examiner et approuver le plan d'action annuel et le plan stratégique de l'Académie ;  |
| 4° gusuzuma no kwemeza umushinga w'ingengo y'imari ya buri mwaka y'Inteko;   | 4° to consider and adopt the draft annual budget of the Academy;   | 4° examiner et approuver le projet de budget annuel de l'Académie ;  |
| 5° usuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'ingengo y'imari ya buri mwaka;                            | 5° to consider and approve the annual activity report and budget execution report;                                     | 5° analyser et approuver le rapport annuel d'activités et le rapport d'exécution du budget ;                                       |
| 6° gufata ibyemezo bishingiye ku isuzumamikorere n'ubugenzuzi bw'imari by'Inteko no gufata ibyemezo bibishingiyeho ; | 6° to take decisions based on the evaluation and financial audit reports of the Academy and to take related decisions; | 6° prendre des décisions en rapport avec l'évaluation des performances et l'audit financier et prendre les décisions y relatives ; |
| 7° kwemeza impano, inkunga n'indagano zihabwa Inteko;  | 7° to approve donations, grants and bequests to the Academy;   | 7° approuver les dons, les subventions et les legs destinés à l'Académie ;   |
| 8° gukurikirana imikorere y'Ubuyobozi bw'Inteko n'abakozi bayo.  | 8° to monitor performance of the administration of the Academy and its personnel.                                      | 8° faire le suivi des performances de l'administration et du personnel de l'Académie.  |

**Ingingo ya 9: Itumizwa n'iterana ry'inama z'Inama Rusange z'Inteko**

Inama Rusange y'Inteko iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe n'Intebe y'Inteko cyangwa Umwungiriza w'Intebe y'Inteko ushinzwe Umuco igihe Intebe y'Inteko adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu (1/3) cy'Intiti zigiwe Inteko. Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishikiranizwa abagize Intiti z'Inteko nibura iminsi icumu n'itanu (15) mbere y'uko inama iterana.

Icyakora, inama idasanzwe y'Inteko itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) mbere y'uko inama iterana.

Kugira ngo Inama Rusange y'Inteko iterane hagomba kuba hari nibura Intiti umunani (8) zigize Inteko.

Mu byigwa n'Inama Rusange y'Inteko mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye. Mu gihembwe cya gatatu hakabamo gahunda yo gusuzuma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

**Article 9: Convening and holding the General Assembly of the Academy**

The General Assembly of the Academy shall be held once quarterly and whenever so required, at the invitation of the chairperson of the Academy, in case of his / her absence at the invitation of the Vice Chairperson in charge of Culture, on their own initiative or upon request by a third (1/3) of the academicians of the Academy. The invitation shall be in writing and submitted to Academicians at least fifteen (15) days before the meeting is held.

However, the extraordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before it is held.

In order for the Academy General Assembly to be held, there shall be at least eight (8) academicians.

Items to be examined in the first quarter of the year include approval of the activity report and the previous budget execution report. In the third quarter, items on the agenda shall include examination of the draft annual budget and action plan of the following year.

**Article 9 : Convocation et tenue des réunions de l'Assemblée générale**

L'Assemblée Générale de l'Académie se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation du Président de l'Académie ou du Vice-président chargé de la Culture à l'absence du Président, de leur propre initiative ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) des académiciens. L'invitation à la réunion est faite par écrit et transmise aux académiciens au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant sa tenue.

Le quorum requis pour les réunions de l'Assemblée Générale de l'Académie est d'au moins huit (8) académiciens.

A l'ordre du jour du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation du rapport d'activités et d'exécution du budget pour l'exercice précédent. L'agenda de la réunion du troisième trimestre comprend notamment l'examen de l'avant-projet de budget et du plan d'action pour l'exercice suivant.

Buri gihembwe kandi Inama Rusange y'Inteko igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera Inteko.

The General Assembly of the Academy shall also quarterly consider the financial and activity report relating to the previous quarter and transmit it to the Minister supervising the Academy.

Chaque trimestre l'Assemblée Générale de l'Académie doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et le soumettre au Ministre de tutelle de l'Académie.

**Ingingo ya 10: Ifatwa ry'ibyemezo**

**Article 10: Mode of taking decisions**

**Article 10 : Prise de décisions**

Ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'abahari.

Decisions shall be taken by consensus. If not possible, decisions shall be taken by absolute majority vote of members present.

Les décisions sont prises par consensus. A défaut de consensus, les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents.

**Ingingo ya 11: Itumirwa mu nama z'Inama Rusange y'Inteko ry'undi muntu ushobora kuyungura inama**

**Article 11: Invitation of any other resourceful person in the Academy General Assembly**

**Article 11: Invitation d'une personne ressource aux réunions de l'Assemblée générale de l'Académie**

Inama Rusange y'Inteko ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikira iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.

The General Assembly of the Academy may invite to its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda. The invited person shall not be allowed to vote and to follow debates on other items on the agenda.

L'Assemblée Générale de l'Académie peut inviter à sa réunion toute personne compétente pour l'éclairer sur un point à l'ordre du jour. La personne invitée n'a pas de voix délibérative et ne participe pas aux débats concernant les autres points à l'ordre du jour.

**Ingingo ya 12: Inyandiko y'ibyemezo by'inama z'Inama Rusange y'Inteko n'imenyekanishwa ryabyo**

**Article 12: Resolutions of the General Assembly of the Academy and their notification**

**Article 12 : Résolutions de l'Assemblée Générale de l'Académie et leur notification**

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama Rusange y'Inteko ishyirwaho umukono n'abayigize ikirangira, kopi yayo ikoherezwa Minisitiri ureberera Inteko mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kugira ngo agire icyo abivugaho

Resolutions of the General Assembly of the Academy shall be signed by its members as soon as the meeting ends and a copy thereof shall be transmitted to the Minister supervising the Academy in a period not exceeding five (5)

Les résolutions de l'Assemblée Générale de l'Académie sont immédiatement signées par les membres présents après la séance et une copie est transmise au Ministre de tutelle de l'Académie dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours pour avis et considérations



mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho imyanzuro y'inama iba yemewe burundu.

days for his/her views and opinions within fifteen (15) days from its receipt. If this period expires with no reaction from the Minister, the resolutions shall be deemed definitively approved.

endéans quinze (15) jours à dater de sa réception. Passé ce délai sans réaction du Ministre, les résolutions sont réputées définitives.

Ibyemezo by'Inteko bijyanye n'inshingano zivugwa mu ngingo ya 5 bigomba kumenyeshwa Abaturarwanda bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Resolutions of the Academy relating to the responsibilities referred to under Article 5 of this Law that must be made public to Rwandans shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Les résolutions de l'Académie relatives aux attributions visées à l'article 5 de la présente loi qui doivent être portées à la connaissance des Rwandais sont publiées au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Ingingo ya 13 : Inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange y'Inteko**

**Article 13: Minutes of the Academy General Assembly**

**Article 13 : Procès-verbal de la réunion de l'Assemblée Générale de l'Académie**

Inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange y'Inteko ishyirwaho umukono n'Intebe y'Inteko n'umwanditsi bayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Minisitiri ureberera Inteko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

